REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

Nyakubahwa Dr. Ngirente Edouard

Raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafatiwe mu Mwiherero wa 15 w'Abayobozi

Gabiro ku wa 09/03/2019

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**
- **Bayobozi b'inzego zitandukanye z'Igihugu cyacu,**
- **Batumirwa mwese muri hano,**

1. Ndasaba abari hano mwese, kumfasha tukabanza tugashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika wadutumiye muri uyu mwiherero wa 16 w'Abayobozi. Tunamushimira kandi ko yatumiye umubare munini w'abo mu nzego zigenga (Private Sector).

2. Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, turagira ngo tubizeze ko impanuro mumaze kuduha, zizadufasha kurushaho kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba turi bufatire hano mu Mwiherero ndetse n'ibindi bikorwa dusanzwe dukora mu nzego z'Igihugu zitandukanye.

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

3. Muri uyu mwanya, munyemereye nabagezeho uko imyanzuro **13** yafatiwe mu Mwiherero w'Abayobozi, wabaye umwaka ushize yashyizwe mu bikorwa.

4. Muri rusange, iyi myanzuro yagezweho ku kigereranyo gishimishije. Kubera ko ku bikorwa **48** byakuwe mu myanzuro **13**, ibikorwa **37** byagezweho ku kigereranyo kiri hagati ya **75-100%.** Ibikorwa **9** byagezweho ku kigero kiri hagati ya **50-74%.** Naho ibikorwa **2** biracyari munsi ya **50%**.

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

5. Mu byagezweho dukesha ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafatiwe mu Mwiherero w'Abayobozi w'umwaka ushize ni ibi bikurikira:

- Mu gutegura imihigo y'Uturere ya 2018-2019, hashingiwe ku bikorwa by'ingenzi biteganyijwe muri Gahunda yo Kwihutisha

Iterambere ry'Igihugu, 2017-2024 (NST1). Byashingiye kandi ku gukemura ibibazo byihariye bya buri Karere.

- Havuguruwe uburyo bwo gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo kandi bwatangiye gukoreshwa mu gusuzuma imihigo y'umwaka wa 2017-2018 twakoze umwaka ushize, aha rero tukaba twaratangiye kugenda dutanga amanota ku bikorwa byarangiye bifite *impact* ku buzima bw'abaturage kurusha guha amanota igikorwa aho kigeze naho ntacyo cyaba cyaramariye abaturage.
- Hakajijwe ingamba zo kurwanya ruswa mu nzego za Leta n'iz'abikorera. Mu mwaka ushize wa 2018, hagarujwe amafaranga arenga gato miliyari **2 FRW** yari yaranyerejwe.
- Hakozwe kandi iperereza ku madosiye **595** yagaragayemo inyerezwa ry'umutungo.
- Abakozi **205** bateje igihombo Leta basabiwe ibihano byo mu rwego rw'akazi naho abandi bashyikirijwe inkiko.

6. Hashyizweho uburyo bwo kubika amakuru (database) y'abana b'u Rwanda barangije kwiga za kaminuza n'amashuri makuru kugira ngo bahuzwe n'isoko ry'umurimo. Abanyeshuri bagera **78.330** ni bo bamaze kwandikwa. Muri bo, **5.774** ni abize mu bihugu byo hanze y'u Rwanda.

7. Ikigega cyo guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga **(EGF)** cyaravuguruwe gihuzwa na gahunda yo Kwihutisha Iterambere ry'Igihugu (NST1). Ubu, noneho n'abacuruzi bato (Start-ups) bohereza ibicuruzwa mu mahanga bafashwa n'iki Kigega. Amafaranga ikigega kimaze gutanga yariyongereye agera kuri miliyari **3.8 FRW** muri Gashyantare 2019 avuye kuri miliyari **1.6 FRW** mu 2017.

8. Mu rwego rwo guteza imbere imigi yunganira Kigali:

- Hasojwe igice cya mbere cyo kuyishyiramo imihanda ya kaburimbo iri ku burebure bungana na Km **28,1**. Ubu harimo gutegurwa ibikorwa remezo bizakorwa mu gice cya kabiri nacyo kizatangira vuba.
- Igikorwa cyo kwimurira ibyicaro bya bimwe mu bigo bya Leta mu migi yunganira Kigali cyateguwe neza kandi cyaratangiye kubera ko hoherejwe amashami ya Kaminuza y'u Rwanda mu migi imwe n'imwe harimo Huye na Nyagatare.
- Inyandiko igaragaza ibindi bigo bizimurirwa ibyicaro byabyo hanze y'Umujyi wa Kigali yamaze gutegurwa ikaba izemezwa n'Inama y'Abaminisitiri mu gihe cya vuba.

9. Mu rwego rwo kunoza ireme ry'uburezi mu nzego zose z'amashuri, no kuvugurura imyigishirize y'indimi mu mashuri abanza n'ayisumbuye, iby'ingenzi byakozwe ni ibi bikurikira:

- Ku barimu **63.337** bari bahawe amahugurwa y'ibanze ku nteganyanyigisho nshya ishingiye ku guteza imbere ubushobozi bw'abanyeshuri (CBC), abagera ku **54.447** bamaze guhabwa amahugurwa yimbitse ku masomo yihariye kandi amahugurwa aracyakomeza.
- Mu rwego rwo kugabanya ubucucike bw'abanyeshuri mu mashuri abanza n'ayisumbuye, abarimu bashya **834** bahawe akazi.
- Umushahara wa mwarimu mu mashuri abanza n'ayisumbuye ya Leta n'afatanya na Leta ku bw'amasezerano, wongerewe ku kigereranyo kingana na **10%** bikaba bizatangirana n'uku kwezi kwa gatatu.
- Hashyizweho kandi ingamba zo kongerera ubushobozi amashuri y'inderabarezi (Teacher Training Centers) zigisha abanyeshuri bazavamo abarimu b'amashuri abanza, tukaba twariyemeje

kongerera ibyo bigo ubushobozi kugira ngo abanyeshuri barangijemo babe abarimu beza babereye u Rwanda kandi bafite ubumenyi.

- Mu rwego rwo guteza imbere imikoreshereze y'ururimi rw'Icyongereza mu myigire n'imyigishirize, abarimu bo mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri abanza, abo mu mashuri yisumbuye n'abarimu bo muri Kaminuza bashyiriweho uburyo bwo kuzajya bakora isuzumabumenyi ry'ururimi rw'Icyongereza bigatuma tumenya urwego bafite rwo kwigisha mu Cyongereza.

10. Abajyanama b'ubuzima **48.472** bahawe amahugurwa atandukanye yo kubafasha kurushaho kuzuza neza inshingano zabo kandi bakomeje guhabwa ibikoresho bakenera mu kazi kabo. Abibumbiye mu makoperative **384** ari hirya no hino mu Gihugu, bafashijwe guteza imbere ibikorwa byabo bibyara inyungu.

11. Ku birebana no kwihutisha ishyirwamubikorwa rya Gahunda y'Igihugu y'Imbonezamikurire y'Abana bato:

- Abana bari munsi y'imyaka 2 n'abagore batwite n'abonsa bose bangana na **89.310**, bahawe ibiryo bikungahaye ku ntungamubiri.
- Abana **11.374** bari munsi y'imyaka itanu barwaye bwaki bahawe amata.
- Hashyizweho gahunda yo kunoza imikorere n'imikoranire hagati y'inzego zihurira ku bikorwa byo kurwanya imirire mibi.
- Hatangijwe kandi ivugururwa ku mikoreshereze y'ingengo y'imari y'iyi gahunda hitabwa ku gushyira amafaranga menshi mu kugura ibiryo bikungahaye ku ntungamubiri kurusha ibindi bikorwa nk'amahugurwa yagaragaraga muri uwo mushinga.

12. Mu rwego rwo kwegereza abaturage serivisi z'ubuzima, hihutishijwe igikorwa cyo gushyira amavuriro y'ingoboka (poste de

santé) ku rwego rw'Akagari aho atari. Muri 2018, hubatswe amavuriro **103** ku **100** yari ateganyijwe muri uwo mwaka. Gahunda yo gushyira ibikoresho muri ayo mavuriro kugira ngo atangire gukora ubu irakomeje.

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

13. Hari imyanzuro itarashyizwe mu bikorwa nk'uko byari biteganyijwe. Umwe ni urebana no kubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali hibandwa ku gukuraho akajagari mu myubakire no kubungabunga ibidukikije. Zimwe mu mpamvu zatumye uyu mwanzuro udashyirwa mu bikorwa neza harimo kuba gahunda yo kwimura abatuye mu tujagari n'iyo kubaka ibikorwaremezo nk'imihanda byaradusabye ingengo y'imari tutashoboye guhita tubona.

14. Undi mwanzuro ni uwo kwihutisha gahunda yo gutubura imbuto n'ifumbire imbere mu Gihugu. Aha gutubura imbuto tukaba twarageregeje kugira aho tugera, ariko iby'ifumbire bikaba bikiri inyuma y'ikigereranyo.

- **Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

15. Muri make, ibi maze kubagezaho ni yo shusho y'uko imyanzuro yafatiwe mu Mwiherero wa 15 w'Abayobozi yashyizwe mu bikorwa.

16. Nongeye rero kubashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika kuri uyu mwanya mwari mwangeneye. Ndabizeza ko tuzakomeza gusigasira ibyagezweho, no gukurikirana imyanzuro izafatirwa muri uyu Mwiherero ariko tudataye n'inshingano zacu twari dusanzwe dukora umunsi ku wundi.

Murakoze, ndabashimiye.